# INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YO KU WA 26/09/2000, Y'ABAYOBOZI B'IMIRIMO, ABAYOBOZI B'AMASHAMI N'ABAKURU B'IMISHINGA MURI MINISITIRI Y'URUBYIRUKO, SIPORO N'UMUCO.

Inama yatangiye i saa ine n'igice, iyoborwa n'Umunyamabanga Mukuru ariko aza kujyenda inama itararangira kubera ibindi byihutirwa yagombaga gukora, inama ikomeza kuyoborwa n'Umuyobozi wo kwigisha Imyuga Iciriritse.

Ku murongo w'ibyigwa hariho :

- Kureba ibyakozwe mu cyumweru cyo ku wa 18/09/2000 - 23/09/2000;
- Gahunda y'icyumweru ;
- Ibintu n'ibindi.

## IBYAKOZWE MU CYUMWERU CYO KU WA 18/09/2000 - 23/09/2000

### UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO

- Bagiye i RWAMAGANA mu nama bagiranye n'Umuryango IRC kugirango bategure gahunda y'ibikorwa bazabafashamo muri perefegitura ya Kibungo : bavuze ko ibyo bazafatanya nabo ari uguhugura inzego z'urubyiruko ku bijyanye n'ukuntu bakwiyongerera umusaruro, ubumwe n'ubwiyunge
- Bakomeje gahunda yo kunononsora uko « Festival » izakorwa. Umunyamabanga Mukuru yabasabye kugeza ku bundi Buyobozi gahunda y'iyo « Festival ».

### UBUYOBOZI BW'IMIKINO

- Gufasha mu gutegura ihugurwa ry'abakangurambaga b'urubyiruko muri za CFJ (PROJET GTZ) : bohereje umuntu ujya kubafasha ;
- Gukurikirana umushinga washyikirijwe «RHENANIE PALATINAT»: bavuze ko bategereje ko bazabahamagara;
- Gushaka «Facture Pro-forma» n'izindi mpapuro zo gukoresha udutabo tw'amategeko y'imikino mw'icapiro : byarakozwe.
- Gukurikirana isanwa rya Sitade ntoya nyuma y'Imurika gurishwa ryahabereye. Bavuze ko ibyerekeye isuku byarangiye.

### UBUYOBOZI BW'UMUCO

- Bakurikiranye dosiye ya BISESERO na MURAMBI ;
- Gutegura umunsi Mukuru w'Intwari wo kw'itariki ya 01/10/2000 : Umunyamabanga Mukuru yamenyesheje abari mu nama ko uzabera KAGITUMBA mu MUTARA. Amaze kugeza ku bari mu nama ibyari byamaze gukorwa, yasabye Ubuyobozi bw'Umuco gushaka Amatorero azabyina, Ubuyobozi bw'Urubyiruko kureba uburyo urubyiruko ruzagaragara ku munsi w'Intwari bafatanije na Superefe ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage mu Mutara, anasaba Ubuyobozi bw'Imirimo Rusange gukurikirana amafaranga

muri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi, n'Ubuyobozi bwa Siporo gutegura irushanwa rya nyuma(Final) ry'umupira w'amaguru uzaba kuri uwo munsi. Umunyamabanga Mukuru yamenyesheje kandi abari mu nama ko umuhango wo gushyira indabyo ku Irimbi ry'Intwari uzarangira saa mbiri, ibirori bigatangira saa tanu KAGITUMBA. Yasabye kandi abari mu nama kuzaba bahari.

- Raporo y'ibikoresho byibwe muri FESPAD-FOLKLORE ntiyakozwe nkuko byari biteganijwe.

ISHAMI RY'ISHYINGURANYANDIKO RY'IGIHUGU (ARCHIVES NATIONALES)

- Ntawaho waje mu nama kugirango atange raporo y'ibyakozwe.

INGORO Y'UMURAGE

- Kubaka urugo rw'Ingoro y'Umurage : bavuze ko hari hasigaye kuranda n'imbingo
- Batangiye kubaka uruganda rwo gucuriramo (atelier de forge) ;
- Gushyira inyandiko mu kinyarwanda zanditswe mu gifaransa : bari batararangiza.

Umunyamabanga Mukuru yabasabye kuzana raporo y'Ingoro y'Umurage kugirango Minisiteri ijye imenya ibikorwa n'ibibazo bihari.

UBUYOBOZI BWO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE

- Barangije ikibazo cya « expropriation » cy'ahazubakwa inzu y'imurika gurisha (i Rwamagana) y'ibikorwa by'ama CFJ ;
- Kujya kureba uko ibikorwa bimeze (évaluation des activités) mu kigo cya NDAGO : ntibyakozwe.

APPUI A LA F.P

Bakoresheje inama abayobozi b'ibigo hamwe n'aba Encadreurs b'ama perefegitura. Iyo nama yari igamije gutegura amahugurwa ku Icungamari.

GAHUNDA Y'ICYUMWERU

UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO

- Gufatanya n'abandi ba « partenaires » gutegura umunsi wa SIDA ;
- Gufatanya n'Inama Nkuru y'Urubyiruko gutegura inama kubyerekeranye n'uruhare rw'Urubyiruko mu bumwe n'ubwiyunge ;
- Gutegura uko ibizamini by'abazakora mu bigo by'urubyiruko bizakorwa ;
- Gukurikirana ibyifungurwa ry'ibikorwa bya SDK, ubu bimaze iminsi bidindiye.

UBUYOBOZI BW'IMIKINO

- Kohereza ingengabihe ya gahunda y'imikino mu mashuli abanza n'ayisumbuye mu mwaka wi 2000-2001 ;
- Gukora udutabo twinshi no kohereza mu mashyirahamwe (Associations) « statut » n'amategeko ngengamikorere (Règlement d'ordre intérieur) y'Ishyirahamwe nyarwanda ry'imikino mu mashuri ;
- Gutegura « cross-country » izabera ku Gisenyi tariki ya 01/10/2000 ;
- Gutegura hamwe na J.H.U umunsi mukuru wa 1/12/2000.

UBUYOBOZI BW'UMUCO

- Gukomeza gutegura Umunsi w'Intwari ;
- Gutegura amahugurwa y'abashushanya ku mabuye (Pierre volcanique) azaba kuva tariki ya 02 kugeza tariki ya 14/10/2000 ;
- Gutegura amahugurwa agenewe abazacunga ibigo ndangamuco mu gihugu (Centres culturels nationaux) azaba kuva tariki ya 02 kugeza tariki ya 07/10/2000 ;
- Gukomeza gutegura gushyingura mu cyubahiro mu BISESERO : bazajyayo ku wa kane tariki ya 28/09/2000 kureba aho imirimo yo kubaka igeze.

INGORO Y'UMURAGE

- Gukurikirana dosiye iri muri National Tender Board ;
- Gukomeza ibikorwa byo kubaka : inzu ya kinyarwanda n'urugo, n'uruganda rwo gucuriramo ;
- Gukora « dépliant » ijyanye n'Imurika ;
- Gutegura inyandiko yo kwamamaza Ingoro y'Umurage w'u Rwanda.

UBUYOBOZI BWO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE

- Gukurikirana ibikorwa byo gusana ikigo cya Mukingo (RUHENGERI);
- Gutanga impamyabushobozi muri CFJ KAYONZA (KIBUNGO) ku wa 29/09/2000.

COMMUNICATION

- Gukora raporo ya « Commission Media et Communication » ya FESPAD ;
- Gukurikirana bafatanije na « Division Infrastructure et Equipement » dosiye ya « Sealth Telecom Africa ».

IBINTU N'IBINDI

- Abari mu nama bagaye Ubuyobozi bw'Umuco kubera ikibazo kimaze iminsi kivugwa mu nama cy'ibikoresho bya Folklore byabuze ariko raporo ikaba yari itaratangwa, hanyuma hashyirwa komisiyo yo kubikurikirana igizwe na RUGAMBA Egide, Colonel MUSITU, NKURANGA Joseph, NDAYISABA Juvénal na BAYINGANA Bonfils. Inshingano iyo komisiyo yahawe ni :
  - Kumenya ibyuma byose twari dufite no gushaka impapuro zabyo ;
  - Kumenya ibihari ubu uko bingana naho biri;
  - Kumenya ibyabuze n'uburyo byabuze ;
  - Gutanga ibitekerezo (recommandations) by'ibyakorwa.

  N.B. Bwana RUGAMBA Egide niwe wasabwe kuzatumira inama ya mbere bakazitoramo Umuyobozi wiyo komisiyo, bakareba n'uburyo bwaba bucyenewe kugirango iyo komisiyo irangize inshingano yahawe ;
- Abayobozi b'Imirimo bongeye gusabwa gutanga gahunda z'inama bateganya mu Buyobozi (Directions) ;
- Abari mu nama bamenyeshejwe ko hari imodoka zizoherezwa muri MINITRACO kugirango zigurishwe. Kubera ko mu ziri ku rutonde rwizizoherezwa harimo Pick-up iparitse ahantu ishobora kwibwa ibyuma, basabye ko byakwihutishwa zikagenda cyangwa igashakirwa ahandi yaba iri ;
- Umuyobozi w'urubyiruko nawe yasabye ko hashakwa uburyo bw'uko imodoka yagonze bari mu ngando mu Mutara yavayo ;
- Ku kibazo cy'abantu batumirwa ku giti cyabo mu nama cyane cyane izo mu mahanga abari mu nama batanze impamvu nyinshi zitandukanye zibitera, ariko barangiza bemeza bose ko naho umuntu yaba yandikiwe ku giti cye, Nyakubahwa Minisitiri ariwe wareba niba ariwe koko ukwiriye kugenda cyangwa yasimbuzwa undi ;
- Abari mu nama barangije banenga na none imikorere y'Ubuyobozi bw'umuco kuko byagaragaye ko uwasigariyeho Umuyobozi w'Umuco uri mu rugendo hari dosiye nyinshi atazi aho zigeze.

Inama yarangiye i saa saba n'iminota mirongo ine n'itanu (13h 45').

Umuyobozi w'inama

Umuyobozi wo Kwigisha
Imyuga Iciriritse muri MIJESPOC.

NTIDENDEREZA William

Umwanditsi w'inama

Umuyobozi w'Ishami rya
Secrétariat Central.

TWAGIRAYEZU Innocent

| ABAJE MU NAMA | SERIVISI |
|---|---|
| 1. BAYINGANA Bonfils | Communication |
| 2. RUTAGENGWA Philibert | Communication |
| 3. Col. MUSITU | Cabinet |
| 4. RWIGEMA Paterne | D.S |
| 5. KANIMBA MISAGO | MNR |
| 6. RUGAMBA Egide | DSG |
| 7. NYANSHAYIJA David | DJ |
| 8. NDAYISABA Juvénal | Coord.YPD |
| 9. HATEGEKIMANA Emmanuel | D.G.P |
| 10.KUBWIMANA Gertrude | Div.S. Scolaire |
| 11.NGABOYISONGA Vincent | Div. Programme |
| 12.TWAGIRAYEZU Innocent | Div. Secr.Central |
| 13.NDASHYIKIRWA Eugène | Camps de solid. des Jeunes |
| 14.GASANA Vincent | Div.Adm.& Gestion CFJ |
| 15.NDAGIJIMANA Epimaque | Cabinet |
| 16.BITWENGE Isaac | Etude &Plan. |
| 17.NSENGAH D.H | Div. Production |
| 18.MUBUMBYI André | Folk.& Ballets |
| 19.MUNYAZIKWIYE Théogène | PAE |
| 20.MUSEMAKWERI Jean | Santé des Jeunes |
| 21.NKURANGA Joseph | Infrastr. Et Equip. |
| 22. RUTAYISIRE Alexis | Coord.SDK |
| 23.RUSIMBI John | Div. Coop.des Jeunes |
| 24.RANGIRA Joseph | Div. Sport Civil et Loisirs |
| 25.MUHOZA Christophe | C. M. du génocide |

ABATARAJE MU NAMA BAFITE IMPAMVU ZIZWI

1. RUDAHUNGA Gédéon
2. RWAGATARE Alphonse
3. KIZARI Elias
4. BUTOTO Jean
5. MUKIMBIRI Jean
6. MUKANDORI Diane
7. SEKUBUMBA Séverin
8. KANAMUGIRE Louis
9. RUTAZIBWA Bernardin
10. RUTAGWENDEKA Fidèle
11. KAYIJUKA Gaspard
12. HATEGEKIMANA Emmanuel
13. ABIYINGOMA Ignace
14. SALAAM JMV

ABATARAJE MU NAMA NTA IMPAMVU BAFITE ZIZWI

1. RURANGIRWA Aoron
2. MUDAKIKWA Jean Marie
3. KABONEKA Francis